Ariko rero mu kanya i saa tatu zuzuye, ee... Abambasaderi bose bari i Bujumbura, ee... bahagarariye ibihugu byabo i Bujumbura, basezeranye ko barahurira kuri Ambassade y'u Rwanda, bakajya kureba ako kumiro, ayo mahano bakajya kuyareba bari kumwe na Ministre w'Ububanyi n'Amahanga w'i Burundi. Barahajya rwose ba... none se ko ari gihugu. Gutera Ambassade ni ugutera igihugu, igihugu ejo cyaratewe rero, gitererwa i Bujumbura yee... muri Ambassade. Hum, batuvuza amabuye kabisa baratuvuza amabuye, ati "ni abana b'Abatutsi gusa, ni abana b'Abatutsi", ati "ni bo babikoze". Ati "ndetse n'imvange y'abana babo b'Abatutsi b'Abanyarwanda baba i Bujumbura". Ati "ni ko byari bimeze". Hum, none ko byabaye ese ko... njyewe inkuru nyivanye i Bujumbura wagira ngo ndi kubeshya se? Noneho babaze niba i saa tatu, b'Ambassadeurs bose bari i Bujumbura batari buze kuba bari kuri Ambassade bareba ibyo bintu, bari kumwe n'abanyamakuru, noneho bumve Radiyo Bujumbura nivugisha ukuri mwumve ukuntu irabivuga. Hum, cyangwa bazasome ibinyamakuru bituruka mu Burundi bazarebe n'amafoto uko aho hantu hifashe. Bahagize itongo! Mu kanya rero ndababwira uko byagenze, reka tube twumva umuzika... 4.5

... byagenze ejo i Bujumbura bajya kudusenyera Ambassade, murabizi rero ko muri iyi minsi bari bavuze bati, ejobundi ni ho bari bavuze bati "mu Burundi Abadepite bashobora kugira batya, kubera ko bari bakoze amendement, amendement ku itegeko w... Itegeko Nshinga ryabo bari ba... bakosoyeho ikintu kuri article ya mirongo inani na kangahe... Bari ba... bakosoye bati "noneho

Abadepite tufite.. uburenganzira bwo gutora Président wa Repubulika akaba asimbura NDADAYE bagandaguye, nk'uko mubizi ku itariki ya makumyabiri n'imwe z'ukwezi kwa cumi.

Ubwo rero kugira ngo... nk'uko biteganyijwe mu mategeko yabo, kugira ngo iyo amendement ibeho bahindure ikite... itegeko, ni uko Ministre w'Intebe yabisinyira akabyemera. Ministre w'Intebe rero Madamu KINIGI, Madamu KINIGI amashya... ishyaka arimo ni FRO... ni UPRONA, ari muri UPRONA.

Muri UPRONA rero n'a... n'abandi bafatanije, muri UPRONA n'abandi bafatanije barabirebye bati "Madamu rero urabisinya, kazi yako, uraba utuvanye ku butegetsi kandi twarabwinjiyemo mu mayeri", kubera ko NDADAYE, hum, NDADAYE yishinze Ubukristu cyane, hum, aravuga ati "mu Burundi tugomba gusaranganya ubutegetsi n'andi mashyaka tutavuga rumwe, na yo tukayashyira ku butegetsi", ati "ndetse reka ntange urugero, uwo Mudamu utari mu ishyaka ryanjye FRODEBU, mugire Ministre w'Intebe noneho Abarundi bose babone ko bose ntaho mbogamiye", ati "babone ko ndi umuntu mwiza, Umukristu mwiza". Atazi neza ko bagiye kumumena umutwe. Ahaa!

Ubwo rero uwo Mudamu na we baramubwiye bati , bati "uramenye Madamu, urasinya ririya tegeko turaba tugatoye, hum, kubera ko... kubera ko FRODEBU nimara kwitorera Président, bamaze kumutora kubera ko ari bo Badepite benshi mu Nteko Ishinga Amategeko. N'ubundi bari kumutora koko nta kibabujije. Nibamara kumutora, barashyiraho Premier Ministre, uwo "Muprésident" urajyaho arashyiraho Premier Ministre ashyireho u... indi Guverinoma, ngo nawe KINIGI utazabonekamo.

Natwe abari bafitemo ba Ministres tutazabonekamo, n'abasirikare bacu n'ukuntu be... bari bafite ubutegetsi", baki... bakitegeka kubera ko ibyo kwica NDADAYE anketi zaburiyemo... zabuze iyo zi... byakorwa na nde? Bigi... BIKOMAGO ni we wakwikorera anketi akifunga se? Hum, bati "rero Madamu uramenye utadukorera ishyano", Madamu ati "reka noneho mbibasobanurire", ati "mbisobanure" ati "amategeko ariho". Kuko na we ubwe afite ba Conseillers, afite za Ambassades nyinshi ziri mu Burundi, na zo zigira icyo zivuga kuko ni... ibiguhu bikomeye ku isi

ni byo bibafasha u Burundi nk'uko natwe bidufasha, na byo bifite ijambo, ee... nyine ko nyine bifite ijambo nyine. Yee...

Noneho uwo Mudamu arareba ati "mube muretse rero ndibuze kubasobanurira uko mbitekereza njyewe Madamu KINIGI", ati "ndabibasobanurira muri iyi nyuma ya saa sita", ubwo hari ejo.

Ageze rero e... kuri Présidence agiye kubisobanura, insoresore barenze ijana ba... bateguye na bo iyabo migambi bati "turabimubuza, turabimubuza gusobanura. Kandi ubwo yari agiye gusobanurira amashyaka:

- Arimo FRODEBU.
- Arimo UPRONA.
- Barimo LADES.
- Harimo NADE.
- N'andi mashyaka nyine ari ashyigikiye FRODEBU ari n'andi ashyigikiye UPRONA urebye ko ari byo bice bibiri bi... bihanganye mu Burundi. 7.9

Ubu rero kwinjira kuri Présidence abo basore bo ntibabishoboye, kubera ko Gendarmerie yari ihari ihita ibasesa, ibasesa ibateye bya byuka bya gaz lacrymogènes nk'uko BAZIGIRA Alphonse amaze kubinsobanurira. Ati "bahise rero babasesa, bamaze kubasesa rero hafi aho ngaho ya Présidence ni ho Ambassade y'Ubufaransa iri. Ambassade y'Ubufaransa rero baba barayadukiriye n'amabuye. Bayitera amabuye, bamaze kuyatera.. amabuye bati "ntidushizwe" bati "bariya bantu bo muri OUA bagiye kuza ngo bazi ku... guhagarika abasirikare bacu", bati "bagomba gukorera hariya muri EGL". Ni uruhande na bo ikwi... ukomeje. Hein!, heh! Bati "baragapfa bagapfusha", begera muri EGL (aseka) barahashwanyaguza bahatera amabuye, hum! Ati "ziriya ngabo za OUA ntabwo zi... ntizizabona n'aho zirara". Ngaho! Ngo bahatera amabuye! Hum! Aho ngaho rero... iyo force ya OUA ngo yitwa NIPROBU, ni ko izaza yitwa ije mu Burundi, aho rero na ho ha... bazakorera bahakubise nyine urufaya rw'amabuye bati "ahah! Hah"! Bati "mwibagiwe Ambassade y'u Rwanda", bati " byose biva i Kigali. Hah, hah! (Arasetse cyane) baba bayigezeho, Ambassade yacu rero ifite étage, abakozi bacu rero babibonye batyo ibuye rya mbere ryinjiye mu kirahuri baba

bazamutse muri étage ngo bajya muri corridor ba... barabundama nyine bararyama. Yampaye inka data, bakijijwe n'amaguru. Hum!

Amabuye ngo bararunda baratera baratera baratera, ngo n'ubu ngubu none kuri aya masaha kuri iki gihe ugiye kuri Ambassade wasanga ari amatoni y'amabuye ari mu byumba. Inzugi basi, ntazo! Amadirishya yo nyine umva, yabaye imyase. Hum! Ubwo rero, uretse ko bagize Imana bagahungira muri corridor, hum! Bashatse kubasangamo ni ho batekereje bati, ariko ko dufite imbunda, aba bahungu nibadusangamo n'ubundi ko ari ha handi hacu ko baratwica, tukore.. iki? Bahise barasa. Barashe rero, abana bati "eeh, eeh! Heh! Bati " ba Banyarwanda bafite imbunda", bati "bafite inkoho", baba barirutse, ni ko birutse. Na ho ngo Gendarmerie ngo ihagere, ngo yahageze myuma y'amasaha angahe byarangiye kare! Nta n'umuntu ugitamba aho ngaho kuri Ambassade!

Gendarmerie y'u Burundi yatabaye ibintu byarangiye kare, kare, kare. Hum! Ahubwo ngo a... bavuye kuri Ambassade y'u Rwanda, bajya... bajya gucakira Umudepite u... u... uvuka iwabo wa NDADAYE i Muramvya, Umudepite witwa sinahama... SINAHAMIRA, SINAHAMIRA Déo, SINAHAMIRA Déo, hum, cyangwa se SINAKAMIRA Déo wo muri FRODEBU akaba ari uw'iwabo wa NDADAYE w'i Muramvya, hum, yifitiye rero ee... iduka, idu... iduka ngo niba ari n... la nouvelle... la Nouvelle Cité, cyangwa la Nouvelle Botique.., baragiye barasahura byose, barasahura. Bahura:

- N'imodoka ya dri... ya Directeur Général wa EGL, imodoka ye yarayishwanyuza.
- Imodoka ya Directeur Général wa OCIBU barayishwanyuje.
- Imodoka ya Directeur Général wa OTEBU, Office du Thé du Burundi, hum, a... Office du Café du Burundi, oya umanza bakorera na bo hafi y'Ambassade y'u Rwanda.

Izo modoka zose imyase! Barashwanyuje! Hum! Igisigaye ni iki se? Ni uko nguko nababwiye ubu mu nama ya saa tatu, mu minota ine ni ho biteguye ko ba Ambassadeurs bose, bose babisezeranye baba i Bujumbura, bagiye kujya nyine kwi... guha pole, guha pole Ambassadeur wacu kuri iyo miha... mirangarira y'inzu ye a... asigaranye i Bujumbura heh, ni ho baramusanga. Bagiye

kuhareba n'abanyamakuru ubu bari i Bujumbura bose barebe, nta maguru (arimyoje)... nta... nta mbaraga dufite ngo tube tugezeyo natwe ngo tubirebe, ariko kandi turakomeza tubaze twumve uko bizagenda.

None si.. Hum! Baratera igihugu ngo ni abasoresore b'Abatutsi bo muri Université i Bujumbura, ngo n'abiga muri Ecoles secondaires babikoze! Hum! Buriya ntibafite ababasunitse! "Ankete" zikorwe, bafite ababasunitse, hari n'ababujije Gendarmerie kujya gutabara, ibyo byose bifite uko bikorwa. "Enkete" zikorwe ibintu bijye ku mucyo naho ubundi ni ukutuvegeta.

Niba bavegeta u Rwanda rero bamenye ko u Rwanda ari igihugu ubu ngubu cyihagazeho, nk'uko umuntu yantelefonnye ati "Noheli natwe dufite ingabo", bamenye ko tutari igihugu cyo kuvegeta. Ibyo ngibyo nabibwira rwose..., niba ari abantu bo muri Ambassade b'i Burundi bari kubyumvira hano, babwire iwabo ko u Rwanda atari urwo kuvegetwa, hum, e... kariya kageni oya, ntabwo ari byo. 12.6

... ibyo nahoze mbasobanurira byerekeye i Burundi, hum, mu magambo make nababwira ko abakozi bacu ejo bakijijwe n'Imana, kubera ko... kubera ko b... ba... bavuye..., abo basoresore, abo Batutsi bo muri Université no muri amashuri ya Secondaire y'i Burundi b'i Bujumbura, nyine nababwiraga ko bari bagiye kubuza Premier Ministre Madamu KINIGI Siliviya, kugira ngo adasobanura impamvu agiye gusinya amendement... gusinyira amendement y'itegeko Abadepite e... bashyizeho bakosoye kugira ngo babone uko batora Président wa Repubulika w'u Burundi.

Nababwiye rero ko amashyaka yari yitabiriye kujya kumva ibyo bisobanuro ari:

- FRODEBU.
- UPRONA.
- RADES.
- Na ANADE.
- N'andi ngo ashyigikiye FRODEBU cyangwa se ashyigikiye UPRONA.

Nababwiye rero ko.oo... hum... kuri Présidence batasha... batashoboye kwinjirayo kubera ko Gendarmerie yabakubisemo bya byuka bihumisha binuka cyane, noneho barareba bati "reka tujye kwihimurira ahandi".

Banyuze kuri Ambassade y'Ubufaransa bayitera amabuye. Bavuye kuri Ambassade y'Ubufaransa bamaze kuyitera amabuye bajya aho e... ingabo za OUA zigomba kuzakambika, aho zizakorera, izo ngabo zitwa NIPROBU. Nuko... mu mazu rero ya EGL i Bujumbura. Bavuye ku mazu ya EGL i Bujumbura bamaze kuhatera amabuye, ni bwo bagukatiye gatoya bigira hirya banyura ee... banyura kuri Ambassade y'u Rwanda, bageze kuri Ambassade y'u Rwanda bahakubita amatoni y'amabuye, abakozi bacu bakijijwe n'iki? Ni uko Ambassade yacu ifite étage, bagiye muri étage bajya muri corridor bararyama. Abahungu bamaze ku... kumenagura ibyo bashoboye bati "twinjiremo tubafate tubacakire na bo tubumvishe", ni bwo abandi bavuze bati "ko dufite imbunda twarashe, u... u... upfa agapfa". N'ubundi ko "uwatatse" igihugu cyacu ko ubu ngubu ari mu Rwanda, arimo bashaka kwinjira". Ni bwo babarashe rero, barashe abahungu bafata amayira bariruka, bamaze kwirukanka baragenda bati "reka twihimure", bagiye kwihimurira kwa nde? Bagiye kwihimurira ku mo... ku Mudepite w'i Muramvya, hum! W'iwabo wo kwa NDADAYE, witwa SINAHAMIRA, SINAKAMIRA, cyangwa SINAMIRA wo muri FRODEBU, ni Déo, yitwa Déo afite amangazini, yose yose barayejeje, bamaze kuyeza bati "ntabwo twashirwa":

- Ba... babona imodoka ya Directeur Général wa EGL barayimenagura.
- Imodoka ya Directeur Général wa OCIBU barayimenagura.
- Imodoka Directeur Général wa OTEBU na yo barayimenaguye. Uhum! 15.2

Ubu rero turi saa tatu n'iminota ine, nizeye ko mu kanya..., naretse Lawurenti bakubitaho umuzika.aa..., hum, hari hashize iminota hafi mirongo itatu mutumvise Noheli agira icyo abagezaho. Ariko nanjye nari nanyarutse, nari nanyarukiye kuri ELECTROGAZ. Kare navuze nti "ELECTROGAZ rwose" nti "bongere badukubitiremo ka "jempe" tubone undi... umuriro" bawuduhaye, bawuduhaye rwose ni abantu beza.

Ariko kandi mvuye kuri ELECTROGAZ nsanga bafite ibibazo, bafite ibindi bibazo. Ibibazo bya

ba nyakabyizi, ba nyakabyizi rero na bo ni abantu bagomba kurya, bagomba kuramuka. Abenshi bafite n'abagore n'abana bagomba kugaburira abo bana, mbese urebye ba... baje i Kigali baje guhaha, baje guhaha baje no kugira ngo baramuke.

Abo bahungu rero cyane cyane ko abenshi ari abasore n'abagabo n'a... n'igitsina gabo, ubushize bigeze kurakara kubera ko bari barababwiye ngo ku itariki ya mbere z'ukwezi kwa cumi na kabiri muri mirongo icyenda na gatatu umwaka ushize, ngo "ni ho ikibazo cyabo cyo kubona amafaranga yabo baburaniye bakatsindira", no muri dossier yo muri mirongo icyenda na kabiri. Amafaranga rwose ngo barayaburaniye barayatsindira, ndetse hakorwa "amalistes" ya mbere ngo atera ikibazo, hakorwa andi "malistes" ya kabiri baremera barayasinyira, bati "amafaranga muzaduha ni ayo turayemeye".

Amafaranga rero kugeza ubu ngubu ntabwo bari bayabona. Batayabonye rero, ubushize nk'uko nabibabwiraga, ngo bigeze gufunga hariya muri ELECTROGAZ, abakozi bose babirizamo babafungurira ku bwa bura... ku bwa burambe nimugoroba mu masaa mbiri y'ijoro. None uyu munsi bongeye barakubita baraza bati pa! Bati "n'ubundi ntimu... ntimuvamo". Bavuze bati "ntimuvamo rero", abakozi bamwe bashoboye gusimbuka basimbutse barigendera, abandi basigaye mu biro nka GASIGWA, hum, Chef de Service Electricité. GASIGWA musanze rwose mu biro arimo arambwiye ati "none se" ati... ati "nanjye numvise ko bafunze ngo bafunze" ati "njye ndi mu biro ibyo ari byo byose ndi gukora akazi kanjye", ati ba... ati "uko biragenda" ati "simbizi". Hum!

Ariko rero ndabajije abo basore nti "se ikibabaje ni iki? Ni amafaranga cyangwa ni iki"? Bati "ashwi da"! Bati "ikibabaje urebye ntabwo ari amafaranga cyane cyane, na yo tuyabonye byaba ari mahire ko ikibazo cyaba gitunganye" ati "ariko ni uko twe twumva ko le Chef du personnel, hum, yaba "yarademisiyonnye", yaba yaretse akazi". Ati "ndetse no mu bashefu bacu umenya turi kugenda dupererereza tugasanga bamwe ngo bagiye kwifatira imyanya ahandi". Hum! Bati "kandi Directeur wacu niba agiye kunyarukira mu mahanga" ati "twe ntitwabyemera ko yagenda nta gisubizo aduhaye gihamye kuko bo baravuga bati "twiyemeje kuzu... kuguma aha, niba ari ngombwa ko agenda, igihe azagarukira azasanga tukiri aha ngaha". Ikibazo ni ho... ni ko kimeze.

Ikibazo rero cy'abanyakabyizi, ibintu byabo byapfiriye he? Na Directeur ko arengana. Directeur yahaye isosiyete yitwa RTI, ibaha ikiraka cyo gukora ayo malisiti baka... a... ayo mafishi bakabishyira muri ordinateur bigasohoka byose bikoze neza.

Iyo sosiyete RTI, ubu ngubu ni yo yateye ikibazo muri ELECTROGAZ, ntabwo yigeze isohora ibyo bintu ngo bize binonsoye ari bizima noneho abantu babone amafaranga yabo. RTI rero, ihih!Mwo kabyara mwe (arimyoje). Haba igihe Abazungu batwivangamo bakaza ngo ni ubwenge buhanitse, nyamara kera comptable yarabikoraga atya n'intoki ze na ka kalikare... ka kalicut... kalekare... calculatrice, ugasanga ibintu wenda bira... birasobanutse mu gihe wenda... wenda bigafata igihe ariko bidapfiriye muri ordinateur. Hum! 18.8

None rero iyi sosiyete RTI, hum! Ikorane na bureau du personnel ya ELECTROGAZ bakore vuba na bwangu ibyo bintu babisohore, hum, na MUNYANGANIZI Donat, Directeur wa ELECTROGAZ na we ararengana abone ukuntu yasinya ibintu bizima. None se yazasinya ibintu ba... bahaye isosiyete ngo ibikore bitahari se? None se ni we urajya kubihimba mu mutwe we ngo... noneho nibyikubita hasi a... abyerekane? Ntibishoboka, hum, iyi sosiyete RTI..., ahubwo bariya basore njye nabagira inama bakajya kureba ibyo biro bya RTI, ikabaha ayo malisiti mazima, noneho bakaza bakavuga bati "dore "amalistes" yabonetse ahubwo mutwimye amafaranga". None se niba nta "malistes" ahari biragenda bite?

Uko ni ko bimeze muri ELECTROGAZ ncuti mwumva radiyo yanyu Radiyo RTLM, ni inkuru shyushye ni ko bimeze. Ubu ngubu abashoboye gusimbuka basimbutse ikigo cya ELECTROGAZ ubu bigendeye, abandi babahejejemo barimo bari mu biro, ni ko bimeze.

Ni agahomamunwa, ni ko batangiye babyandika, kandi byanditswe n'umurwanashyaka wa parti Libéral, hum, ati *"tube maso"*. Ngo ni KARANGWA Jean-Bosco. KARANGWA Jean ma... Jean-Bosco rero ati "tumaze kumenya ko notaire KABALIRA Clément, yaba yarasinyiye bujura ka gatsiko ka Lando, yemera ya ngirwa congrès bakoresheje muri Hôtel Méridien, none impapuro Lando akaba aziryamanye ategereje ko FPR ifata Ministère y'Ubutegetsi by'Igihugu ngo ibegurire ishyaka parti Libéral burundu.

Ibyo byakozwe mu kwezi gushize bizera ko Guverinoma iba yaragiyeho tariki zitarenze mirongo itatu z'ukwezi kwa cumi na kabiri mirongo icyenda na gatatu, nk'uko KANYARENGWE yari yabyivugiye.

FPR rero yari yarijeje Lando n'agatsiko ke ko ubuyobozi bushya bw'ishyaka a... ryabo buzemerwa na MININTER ya FPR bitarenze itariki ya gatatu z'ukwezi kwa mbere muri mirongo icyenda na kane.

Ubwo bafatanyije na TWAGIRAMUNGU bari guhita, hum, bahubuza mu myanya y'ubutegetsi uhereye kuri ba Minisitiri "Abaliberali" badakorera mu kwaha kwa FPR. Ni yo mpamvu Lando yakoze uko ashoboye kugira ngo aburizemo urubanza ubwe yari yaregeye arega Comité nyobozi y'agateganyo ya PL, hum, ngo o... ko yacyuye igihe kandi agaha ruswa Président w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, kugira ngo yange kwakira ikirego cy'ishyaka ryareze Notaire, twamenye ko iyo ruswa yashyikirijwe umuforoderi MUNANA w'i Butare, ayihawe na NDASINGWA Landuwaridi ngo ayigeze kuri HATEGEKIMANA Yohani, ari we Président w'urwo rukiko. Umugambi wabo wapfuye aho Guverinoma itagiriyeho. Ubwo rero HATEGEKIMANA Yohani nta ruswa yariye. 21.7

Aho ibintu bigeze rero, murabona ko Lando n'agatsiko ke barimo gukoresha amayeri n'ubunyoni bwose kugira ngo ishyaka PL ribe igikoresho cya FPR. Impamvu, bakaba bashaka kwinjiza Abadepite babo mu Nteko Ishinga Amategeko, na Ministre wabo w'Ubutabera muri Guverinoma mwese murazizi, impamvu nyine zibibatera mwese murazizi, kuko coup d'Etat yabo yaburiyemo tariki ya gatanu z'ukwezi kwa mbere muri mirongo icyenda na kane murabizi. Ariko rero ngo ntibarava ku izima.

Ikindi kitumvikana ni uko Lando n'agatsiko ke badashaka kumva ukuri. Bateye ibyatsi ibyemezo byose by'Abasenyeri none banze no kumva inama z'abahuza boherejwe na ONU, OUA, n'igihugu cya Tanzaniya (Tanzanie). Ibyo byose barabyoshywa na FPR ibona ko nta yindi nzira yo gufata ubutegetsi uretse kwigarurira ishyaka PL, hum, barigira... barigabiwe na Lando n'agatsiko ke.

Banyarwanda rero tumenye ko umugambi mubisha, abanzi b'amahoro bakiwutsimbarayeho kandi ko bat... bateguye amayeri yo kuwugeraho, tube maso rero.

Umurwanashyaka wa parti Libéral KARANGWA Jean-Bosco, ni we wabisinyiye ejo tariki ya cumi na kabiri z'ukwezi kwa mbere muri uyu mwaka. (Arakoroye)

Itangazo numéro ya mbere rya parti Libéral y'i Butare.

Parti Libéral ishingiye ku magambo yatangajwe na Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda, na MAZIMPAKA Patrick, Vice-Président wa mbere wa FPR, n'uwitwa REBERO Lawurenti, wiyita Vice-Président wa kabiri wa PL, yiyemeje gutangariza Abanyarwanda n'abanyarwan... n'abanyamahanga ibi bikurikira:

Parti li... Libéral rero iy'i Butare, yiyemeje gutangariza Abanyarwanda n'abanyamahanga ibi bikurikira:

- (1) Parti Libéral yamaganye ikomeje amagambo yavuzwe na Vice-Président wa mbere wa FPR, Bwana MAZIMPAKA Patrick, watangaje kuri Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda ko ngo PL nta bayobozi ifite. Ibyo Parti Libéral irasanga ari agasuzuguro gakabije kavanze n'ubwirasi no kutemera amasezerano ya.. Arusha, kuko bigaragara ko FPR yica nkana ingingo ya... ya gatatu y'amategeko agenga imyifatire y'"abanyapolitiques" mu ngihugu cyacu, ivuga ko abashyize umukono kuri ayo masezerano ari bo bahagarariye amashyaka ku buryo bwemewe n'amategeko. Uwo muvugizi wa FPR kimwe n'abandi bose bashaka kwirengagiza ukuri, bazi neza ko Bwana Yustini MUGENZI ari we washi... washyize umukono kuri ayo mategeko ku ruhande rwa Parti Libéral.

Abo bantu rero barabizi neza, bazi ko Bwana Yustini MUGENZI ari we washyize umukono kuri ayo mategeko, hum, ku ruhande rwa Parti Libéral.

Icya gatatu: ishyaka PL ryihanangirije FPR ngo ireke gukomeza imvugo isebanya kandi igamije

kwivanga mu micungire bwite y'ishyaka PL.

Icya kane: ishyaka PL, riramenyesha FPR ko rifite ubuyobozi buhamye nk'uko bigaragara mu mategeko arigenga no mu mategeko y'igihugu. Rirasaba FPR (arakoroye) kureka gukomeza gushaka abiyemeje kuba ibikoresho byayo nka NDASINGWA Landuwaridi wigize umuvugizi wa PL yiyita Vice-Président wa mbere wa PL kandi yareguye kuri uwo mwanya na ndetse ishyaka rikaba ryaranamwirukanye akaba atakiri n'umuyoboke waryo. Mbese ubwo yiyita Vice-Président wa mbere inde? Wa Président nde? Hum! Wa Président nde?

Ishyaka PL riboneyeho umwanya wo kwamagana:

- TWAGIRAMUNGU Fawustini.
- UWILINGIYIMANA Agata.
- NZAMURAMBAHO Frederiko.
- NAYINZIRA Yohani Nepomusene
- Na KAVARUGANDA Yozefu

Bihaye gukorana ubugambanyi na NDASINGWA Landuwaridi, ngo babone uko bagurisha PL muri FPR. Bararuhira ubusa ntabwo PL izabyemera. N'undi Munyarwanda cyangwa umunyamahanga wese ukunda démocratie ntiyabyemera. Mbega kwivamo!

I... ingingo ya kabiri: ishyaka PL riramagana byimazeyo amagambo yatangajwe kuri Radiyo Rwanda, mu kiganiro cy'abanyamakuru REBERO we n'agatsiko kagizwe na KAYIRANGA Karoli, na KABAGENI Venansiya, bakoreye muri Hôtel Méridien tariki ya cumi z'ukwezi kwa mbere muri mirongo icyenda na kane, ako gatsiko kiyita Comité nyobozi y'ishyaka PL kerekanye ku mugaragaro ko mu by'ukuri kagamije kubeshya Abanyarwanda n'abanya... n'abanyamahanga. None se byasobanuka gute ko NDASINGWA na KABAGENI baba bombi ba Visi Perezida ba mbere b'ishyaka rimwe? (Arakoroye) Icyo ni ikibazo. 26.6

**Icya gatatu**: Ingingo ya gatatu: ishyaka PL kandi ryiyamye abakomeza kubeshya Abanyarwanda

bany... n'abanyamahanga ngo PL ni yo cyane cyane ifite ikibazo gikomeye. PL nta kibazo ifite, abayikoresheje yarabahannye... abayikoreshe... abayikoshereje, abayikoshereje yarabahannye kandi nta kundi byagenda. Ahubwo abafiye ikibazo ni ba:

- TWAGIRAMUNGU.
- UWILINGIYIMANA.
- KAVARUGANDA.
- NZAMURAMBAHO.
- Na NAYINZIRA.

Bashaka ubutegetsi ku ngufu bafatanyije na FPR ngo babone imyanya myinshi mu Nteko Ishinga Amategeko no muri Guverinoma yaguye, bagurishije PL none bikaba byarabananiye kuko twababereye..., abo muri PL bababereye ibamba.

- **Icya kane:** Ingingo ya kane: ishyaka PL kandi ryongeye kwemeza ko rikomeye ku Badepite baryo bashyikirijwe e... Président wa Repubulika na Bwana Yustini MUGENZI. Kwitwaza ngo hari abari baratowe muri ya minsi mirongo itatu n'irindwi nta shingiro bifite kuko buri shyaka nk'ubu abo ryatanze vuba aha, rifite uburenganzira bwo kubasimbuza abandi haramutse kari abarikoshereje. Buri wese amenye ko buri shyaka ryigenga kandi ko ari intavogerwa.

- **Icya gatanu** kandi cya nyuma: PL kandi ik... ikuriye inzira ku murima n'abavuga ibyo abo bagabana. Hum! N'abavuga ibyo bagabana, iragabana se na nde? Iragabana na nde? Ubu se iyo PL ijya kugenerwa umwanya umwe w'umu... w'ubudepite, bavuga se ngo uwo Mudepite tumuce umutwe? Bamwe h... bawujyane, abandi basigarane igihimba uretse n'Umudepite umwe na zeru ntitwayitanga. Abo bose rero basubize amerwe mu isaho.

Byasinywe i Butare, ku itariki ya cumi na kabiri ejo, cumi na kabiri z'ukwezi kwa mbere muri mirongo icyenda na kane. Ndabona hari cachet rwose na signature, hum, Liberté Jutice na Progrès, hum, Parti Libéral.

... pe hum, ngo Abayisilamu bari mu gihugu, hum, ngo kiza... ngo... ngo... ngo Abayisilamu bari mu gi... bari mu gihugu, ngo bazafasha Inkotanyi. Hum! Nyamara ati "icyo gihugu si ikindi" ati "icyo gihugu yavuze, yababwiye ahubwo ngo ni FPR kugira ngo bose nibamara kubyumva bajye

muri FPR. (Arakoroye)

Shehi HARELIMANA rero ni Umushehe, ati "ni Umushehe w'umunyamahanga, wemeje kuyoboka FPR kubera umwanya bamuhaye wo kujya kuba Depite, Depite wa FPR mu Nteko Ishinga Amategeko. Hum, y'inzibacyuho ee... y'u Rwanda, yanditse ati "y'u Rwanda", kubera akayabo k'umushahara.

Kuba rero yabwira Abayisilamu bose ngo ba... bamukurikire, ntabwo bishoboka. Uti kuki? Abayisilamu barumva barareba, hum, bareba byose, ibikorwa byose barabireba bazi no kumva kandi barajijutse. Hum, azayoba n'abari basanz... abazayoba ni abari basanzwe barayobotse FPR kubera ko Abayisilamu bari mu mashyaka anyuranye ari mu gihugu cyacu cy'u Rwanda. Hum! Hm... ni... ngo kuri ibyo... kuri ibyo nta Mwisilamu utazi ishyaka yari asanzwe yarayobotse, hum, ngo akurukire Shehe HARELIMANA muri FPR, wagiyemo atari... atari byo akurikiye ahubwo yikurikiriye umushahara, igihembo, yanditse ati "ibihembo". 30.7

Kuri ibyo rero arakomeze uyu musaza, umusaza witwa NKUBITO BINEGO Muhamudu, agira inama bagenzi be n... Abayisilamu, ati "niba dufite iba... Shehe HARELIMANA Abdulkarimu y'umunyamahanga wayobotse FPR, akaba abwira FPR ngo azayiwo... ngo azashyira Abayisilamu bose bo mu Rwanda muri FPR", ati "kandi azi ko tuzi ubwenge tujijutse". Ati "bamenye Abayisilamu bose, bamenye ko ibyo bintu ari ukubyitondera, ntibavuge ngo dufite Umudepite w'Umwisilamu, hum, wo muri FPR, ngo none twemere twese aheh... Inkotanyi", ati "ibyo", arabyamaganye rwose ati "ibyo ngibyo mukore attention Bayisilamu mutagwa mu mutego mutezwe n'uwitwa Shehe HARELIMANA Abdu... Abdulkarimu, Umudepite wa FPR. 31.5

**Fin de la FACE B**